REGIE IMPRISCO
87/051 — 5000
BYANDIKIWE MURI REJI Y'ICAPIRO RY'AMASHURI
B.P. 1347 KIGALI Tél. 82 1 36

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA
N'AYISUMBUYE

# GUSOMA 6

## UMWAKA WA GATANDATU

IGITABO CY'UMWARIMU

Gicurasi 1987

# GUSOMA 6

**UMWAKA WA GATANDATU**

IGITABO CY'UMWARIMU

## 0. IRIBURIRO

*Iki gitabo ni imfashanyigisho y'ingenzi ikugenewe, Mwarimu. Uzajya uyiyambaza kugira ngo ufashe abanyeshuri bawe kumva imyandiko inyuranye ikubiye mu gitabo cyabo, kuyungukiramo ibitekerezo, gukungahaza imvugo yabo no kongera ubumenyingiro bugaragarira mu ruvange rw'imyitozo yabateganyirijwe.*

*Cyakora nk'uko duhora tubyibutsa, si cyo cyonyine uzifatira ngo ucyandukuze abanyeshuri, uko cyakabaye. Ugomba kugisoma, ukacyumva, ukagihuza n'ikigero cy'abo urera, kandi buri somo ukariha intego ifutuye. Ni ukukiyungurura ushishoje ukanacyuzuza.*

*Cyo shora urwo rubyiruko iryo buga ry'ubwenge ridakama, uti «ngaho nimunywe, ndangamirwa, murusheho gusobanukirwa n'ururimi rwacu no kurukunda».*

*( Ibiro by'Ikinyarwanda )*

*Iki gitabo cyanditswe na :* *KAMALI Alufonsi*
*MUSHOTSI Gregori*
*BUGIRIMFURA Aluferedi*
*MUNYANGABE Samweli*

BYANDIKIWE MURI REJI Y'ICAPIRO RY'AMASHURI
B.P. 1347 KIGALI Tél. 2136

# 1. INTEGANYANYIGISHO

| Ubumenyingiro | Ubumenyi |
|---|---|
| Umunyeshuri agomba gushobora: | |
| — kwisomera umwandiko<br>— gusomera abandi umwandiko mu rugero, yitsa, afatanya amagambo ajyanye; nta kujijinganya | • Gusoma umwandiko |
| — gukoresha amagambo yungutse mu mvugo no mu nyandiko<br>— gushyira mu mwandiko amagambo awubuzemo | • Inyunguramagambo |
| — kuvuga ingingo z'ingenzi n'izizigaragira<br>— kuvuga mu magambo make ibyo yasomye<br>— kuvuga igitekerezo cye ku ngingo z'umwandiko | • Ingingo z'umwandiko |
| — kugaragaza imbata y'umwandiko<br>— kwandika nta kosa ibyo asomewe cyangwa yihimbiye<br>— gushyira utwatuzo ahakwiye | • Kwandika |
| — kwandika ibaruwa ndende ibara inkuru iyi n'iyi | • Ibaruwa |
| — kurondora ibyo yabonye cyangwa yumvise<br>— kuvuga imyandiko yafashe mu mutwe ahuza imvugo, igitekerezo n'ingiro<br>— kwivuga<br>— gusakuza<br>— kujya impaka ku byo abona cyangwa yumva | • Kuvugira mu ruhame |



| Ubumenyingiro | Ubumenyi |
|---|---|
| — kwerekana mu mwandiko ibinyazina byizwe (ngenera, ngenga, mbanziriza, mpamagazi)<br>— guhimba interuro zirimo ibinyazina byizwe<br>— gushyira ibinyazina byizwe mu nteko zishobotse | • Ikibonezamvugo<br>— ibinyazina |
| — gusanisha inshinga na ruhamwa<br>— gushyira inshinga yatanzwe mu bihe bikuru byayo akoresha indangasano zayo zose. | — Inshoza y'itondagura |
| — kwerekana indangasano ziri mu nteruro yihimbiye cyangwa ziri mu mwandiko | — Imbonerahamwe y'indangasano |
| — kugaragaza amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe mu izina no muri ntera. | — Amategeko amwe y'igenamajwi |

2. Imbonezamasomo yo gusoma umwandiko no kuwusesengura (reba **Igazeti y'Uburezi**, n° 11, Avril — Juin 1985, pp. 19 — 35.)

# 3. BANYESHURI TWESE

## 3.1. Ikigamijwe

## 3.2. Gusoma

— Abanyeshuri babanze basome bucece
— Mwarimu asome aranguruye, abanyeshuri bateze amatwi, abumvisha injyana iri mu mwandiko.
— Nyuma bashake amagambo badasobanukiwe.

## 3.3. Inyunguramagambo

Duhagurukire ishuri: guhagurukira ikintu ni ukucyitaho, ni ukugikorana umwete.
Guhagurukira ishuri ni ukwita ku kujya mu ishuri, ukigana umwete, ntihagire icyakurangaza ngo kibe cyagutesha iryo shuri. Icyerekana ko umunyeshuri yahagurukiye ishuri ni uko adasiba, ntakererwe, kandi mu ishuri ntarangare, agatega amatwi Mwarimu, akumva, agafata, agasiganuza, agafatanya n'abandi.

Ingirakamaro: — akamaro ni kimwe n'agaciro
— ikintu cyangwa umuntu by'agaciro kanini.
Ishuri ni ingirakamaro kuko rituma umuntu amenya ubwenge bwazamuhesha agaciro.
Ishuri rifite akamaro kanini.

Ejo:
*hano biravuga mu gihe kizaza, mu gihe kiri imbere.*

Ibirara (soma nka «ibishanga»):
*inzererezi zitagira icyo zikora, amaherezo zikiba.*

Dukurizamo:
*bikatuviramo ..., bigatuma, bikadutera ...*

Ububandi (soma nka «urugendo»):
*ingeso yo kwiba no kwica; iryo jambo rikomoka ku gifaransa. Uwabaye ikirara akurizaho kuba ibandi, akiba, akica. Iyo ngeso y'uburara n'iy'ububandi yitirirwa igitsina gabo. Iyo ingeso nk'iyo ifitwe n'igitsina gore yitwa ubwomanzi.*

Ubwomanzi:
*ubuzererezi bw'abagore n'abakobwa bukunda kujyana n'uburaya.*



Tuzirikane:
*twibuke, dutekereze ...*

Urugero:
*Usabye umuntu kuzaguherekeza mu rugendo, mu cyumweru gitaha wamubwira, uti «ubizirikane, ntubyibagirwe!» Kuzirikana ibyo twiga ni ukutabyibagirwa, tukabyitaho buri gihe.*

Tutangara:
*tutagenda nk'abadafite iyo bajya n'ikibajyanye.*

Tuzize ubunebwe:
*dutewe ibyago n'umwete muke wacu.*

Kuvana ahantu ikimwaro:
*kuhakorerwa n'isoni, kuhakura isoni.*

Urugero:
*uwatumiwe mu birori aramutse anyoye inzoga nyinshi agasinda, akanduranya, abandi bamugaya maze akahavana ikimwaro, akahakorerwa n'isoni.*

Ntitugire ijabo n'ijambo:
*ntitugire ishema n'umwanya mu bagabo, twabuze icyo twavuga, tugasuzugurwa ari twe tubyiteye.*

Twakubaka u Rwanda:
*twakora imirimo yaruteza imbere, nko korora kijyambere, guhinga kijyambere, n'ibindi ...*

## 3.4. Gusobanura umwandiko

### 3.4.1. Ibibazo ku mwandiko

1. Impamvu zatuma abanyeshuri bahagurukira ishuri ni izihe?
2. Mu karere k'iwanyu hari ibirara n'ibyomanzi bihari? Ibirara n'ibvomanzi bikunda kuba he?
3. Ni bande bashobora kuba:
   a) ibirara? — abahungu
   b) ibyomanzi? — abakobwa
4. Dukwiriye gukora iki mu ishuri?
5. Ni iki ejo cyadutera kwangara?
6. Twarwanya uburara n'ubwomanzi dute?
7. Turamutse tubaye abanebwe mu ishuri, byatugendekera bite tugeze mu bandi?
8. U Rwanda rudutezeho iki?

3.4.2. **Ingingo z'umwandiko**

Igika cya I — kugira umwete mu ishuri,
— kwirinda ububandi,
Igika cya II — kwita ku nyigisho,
— kubaha abarezi,
Igika cya III — kubaha bizatuma duhinduka abaturage baboneye.

3.4.3. **Gusoma umwandiko**

Abanyeshuri basome neza, bashyiramo injyana aho iri.

3.4.4. **Gufata mu mutwe umwandiko no kuwuvuga.**



# 4. DORE INAMA BANYESHURI

4.1. **Intego**

4.2. **Ivumburamatsiko**

Mwarimu ategure akaganiro ashyiremo ibibazo bituma abanyeshuri bavumbura icyo bagiye kwiga.

- Iyo muvuye imuhira muje hano muvuga ko mugiye he?
  — Ku ishuri
- Abana biga ishuri babita bate?
  — Abanyeshuri
- Umunyeshuri mwiza agaragazwa n'iki?
  — N'imyifatire ye myiza.

Kugira ngo abanyeshuri bamenye uko bakwiye kwifata ku ishuri n'ahandi, bagomba kubigirwamo inama. Tugiye kurebera hamwe zimwe muri izo nama.

4.3. **Gusoma umwandiko**

Mwarimu asome umwandiko aranguruye ijwi, ashyiremo injyana aho iri, nyuma abanyeshuri basome bucece, bandike amagambo cyangwa interuro batumva.

4.4. **Gusobanura umwandiko**

4.4.1. **Inyunguramagambo**

Kubura byose:
*kubura kujya mu ishuri kandi utanasigaye imuhira, bityo ari umurimo wo kwiga, ari uw'imuhira, ntugire n'umwe ukora. Icyo gihe bavuga ko umunyeshuri yabuze byose.*
Amategeko agenwa n'ishuri:
*amabwiriza ateganywa, ashyirwaho n'abategeka ibigo by'amashuri kugira ngo ituze, ubwumvikane, ibintu bigende neza; ayo mabwiriza cyangwa ayo mategeko ni nko kudakererwa, kwitonda mu ishuri, kutarwana, kugira isuku, kugira ikinyabupfura, n'andi ...*
Yakujyanye (amasomo):
*yatumye ujya mu ishuri, yakuvanye imuhira ukajya mu ishuri.*
Gusamara:
*kurangazwa n'ibyo ubona, ureba ...*

Igabira bose (Imana):
*iha abantu bose; nta we yima.*
Umubyeyi ungana so na nyoko:
*umuntu ugukorera ibyiza nk'ibyo so na nyoko bagukorera.*
Arakwitangira:
*akoresha imbaraga ze zose n'ubuhanga bwe bwose kugira ngo umenye ubwenge.*
Akayagenera:
*akayashakira, akayategurira.*
Imfashanyigisho:
*ibintu umwigisha yifashisha kugira ngo inyigisho yumvikane.*

### 4.4.2. Ingingo z'umwandiko

Mwarimu ashakire abanyeshuri ibibazo bimwereka ko bumvise ibyo amaze kubasobanurira.

1. Mu ishuri umunyeshuri agomba gukora iki?
2. Umunyeshuri akwiye kwita ku kihe kintu kindi?
3. Vuga amwe mu mategeko y'ishuri uzi?
4. Igihe umunyeshuri ava kwiga yakwirinda kugira ate?
5. Mwarimu afitiye kamaro ki umunyeshuri?

### 4.5. Gusoma baranguruye ijwi, bashyiramo injyana

### 4.6. Imyitozo

— Abanyeshuri bakore interuro bifashishije amagambo bungutse: gusamara, imfashanyigisho, kugabira.
— Kwandika iyi nteruro ku buryo idahindura insobanuro no guhimba izindi zisa na yo: «Umenye amategeko agenwa n'ishuri ko bayakurikiza uko yatanzwe».
— (Umenye ko amategeko agenwa ...).

### 4.7. Isubiramwandiko

— Vuga umutwe w'uyu mwandiko.
— Uyu mwandiko uratangira uvuga ngo iki?
— Ni ibiki ukwiye kumenya? (Bivuge nk'uko wumvise bivugwa)
— Ubwo wirinde iki?
— Ni iki kindi umunyeshuri akwiye kumenya?
— Amategeko agenwa n'ishuri bayakurikiza bate?
— Ukwiye kwita ku ki cyakujyanye?

Mwarimu ategure ibindi bibazo ku yindi mikarago maze abanyeshuri basubize bakurikije ingingo ziri mu mwandiko.



### 4.8. Gufata mu mutwe

Uyu mwandiko bawufate mu mutwe mu byiciro bibiri:
Icya mbere: ibika bine bibanza
Icya kabiri: bitatu biheruka
(Mwarimu azasuzume ko bawufashe koko).

# 5. IMIRIMO YO MU RUGO

5.1. **Ikigamijwe rusange:**

— gutandukanya imirimo yo mu rugo n'abo igenewe.
— ubukesha: *gufatanya n'abandi no kwibwiriza.*

5.2. **Ivumburamatsiko**

Mwarimu agirane n'abanyeshuri ikiganiro cyerekeye ku mirimo yo mu rugo.

— Abana bose bakora imirimo imwe?
— Umwana w'umuhungu bamukoresha cyane cyane iyihe mirimo?
— Uw'umukobwa?
— Ese ababyeyi babo bo bahuje imirimo?
— Iyihariwe n'umugabo ni nk'iyihe?

Nuko Mwarimu abwire abanyeshuri ko bagiye gusoma no gusesengura umwandiko werekeye imirimo yo mu rugo.

5.3. **Gusoma umwandiko**

Mwarimu abwire abanyeshuri gusoma umwandiko bucece, bandika amagambo cyangwa interuro batumva, maze nyuma y'inyunguramagambo baze gusoma baranguruye.

5.4. **Gusobanura umwandiko**

5.4.1. **Inyunguramagambo**

Akanarutabarira:
*gutabara bivuga: kujya ku rugamba kurwana. Urugero: ku ngoma ya Rwabugiri ingabo zatabaye mu Bunyabungo (Zayire). Rero umugabo yatabaraga iyo habaga hariho imirwano mu gihugu: ni we wajyanaga n'ingabo zigiye ku rugamba.*

Kugoboka uri mu makuba:
*nko gufasha uwapfushije umuntu kumuhamba. Urugero: ejo twatabaye kwa Kagabo: bapfushije umwana.*



Kwitirira umuntu ikintu:
*kuvuga ko ari uwo muntu wagikoze kandi mu by'ukuri atari we wagikoze.*
*Urugero: Umwana ashobora kumena isahani bikitirirwa umukozi wo mu rugo.*

Imirimo ya kigabo:
*igenewe abagabo gusa (reba ingero mu mwandiko; rebamo n'imirimo ya kigore).*

Gutegura:
— *gushyira mu nzu utuntu tw'umurimbo, kugira ngo abantu bicare ahashimishije, ahanogeye ijisho.*
*(Mwarimu abaze abanyeshuri ibindi bintu umuntu yategura. Anababwire muri make uko bateguraga inzu ya kinyarwanda yo hambere).*
— *gutegura ameza: gushyiraho ibya ngombwa abantu bari bukoreshe bafungura: amakanya, ibiyiko, ibikombe, ibiribwa ... bivuga no gusukura, gushyira ibintu mu mwanya wabyo.*
— *gutegura imikino: gushaka uko izagenda, kuyitunganya, kuyishyira kuri gahunda.*
— *gutegura amasomo, ikizamini, irushanwa: kubitunganya.*
*Umuntu ashobora kwitegura: — umushyitsi*
— *urugendo*
— *urubanza*
— *n'ibindi.*

Kubura uko ugira:
*kutagira ubundi buryo wakwitabaza.*

Umurimo utanogeye umuntu:
*utamushimishije, utamukwiye, utamubereye cyangwa atagenewe gukora.*

Gutwama:
*gutonganyiriza umuntu igikorwa yakoze, cyangwa yari agiye gukora kidakwiye.*
*Kumubuza kuvuga cyangwa gukora ibidakwiye.*
*Urugero: Abantu bagutwama ugiriye urugomo umugenzi. Banagutwama ushatse kwanga gukora icyo ababyeyi bagutegetse.*

Ipfunwe:
*isoni, ikimwaro cy'icyo wakoze kibi kandi cyamenyekanye.*

Guhakwa (kwa shobuja):
*kuba kwa shobuja umukorera imirimo yo mu rugo cyangwa aho yagiye ukamuherekeza kugira ngo azaguhe inka (ni yo kera bahakirwaga).*

Gufata igihe (kwa shobuja):

*kuhaba ukora imirimo yo mu rugo cyangwa umuherekeza aho agiye amaze kukugabira. Umugaragu umaze kugabana yagombaga kujya amara igihe agasubira kwa shebuja akamara ikindi kugira ngo atazamunyaga. Ni byo bita gufata igihe.*

Gupfakara:

*Gupfusha uwo mwashakanye.*
*Uwapfakaye yitwa umupfakazi (yaba umugore, yaba umugabo).*

### 5.4.2. Ingingo z'umwandiko

1. Imirimo yo mu rugo ikorwa na bande?
2. Bose bakora imirimo imwe?
3. Iy'abagabo ni iyihe?
4. Iy'abagore?
5. Imirimo yiharirwa n'abana b'abahungu ni nk'iyihe?
6. Abakobwa bo bagenewe iyihe mirimo?
7. Iteka se ni uko bigenda?
8. Abagabo bashobora guteka bigenze bite?
9. Kuki abana b'abahungu babangamirwa no gukubura?
10. Mu mirimo yo mu rugo ni uwuhe ugushimisha? Kuki?
11. Ni uwuhe murimo wa kigabo utavuzwe muri uyu mwandiko? (kubaka inzu).

## 5.5. Imyitozo

### 5.5.1. Uzurisha izi nteruro amagambo yo mu mwandiko.

1. Abana bafasha ababyeyi babo ... yo mu rugo.
2. Umurimo utaranogeraga ... ni uwo gukubura.
3. Umugore yarahingaga ariko bikitirirwa ... we.
4. Umurimo wo gukubura wateraga umuhungu ... mu bandi bana.
5. Umwana w'umuhungu iyo yakoreshwaga umurimo wo gukubura wasangaga se ... uwawumuhaye.
6. Mu ... umugabo yahahiraga urugo.
7. Umugabo wapfushije umugore aritekera kuko aba yabaye ...
8. Ubusanzwe, ... rugizwe n'umugabo, n'umugore n'abana.



9. Umwana w'umuhungu yafashaga se imirimo ya ... nko kwasa inkwi no kubaka inzu.
10. Nta wugabana kwa shebuja atabanje ...

Ibisubizo:

| | |
|---|---|
| 1. imirimo, | 3. umugabo |
| 2. abahungu, | 4. ipfunwe |
| 5. atwama; | 7. umupfakazi |
| 6. nzara; | 8. urugo |
| 9. kigabo; | 10. guhakwa. |

### 5.5.2. Icyandikwa (igika cya gatatu)

# 6. UMUKOBWA WO MU GISABO

## 6.1. Intego

## 6.2. Gusoma umwandiko

— Abanyeshuri basome bucece, nyuma bandike amagambo batumva.
— Mwarimu cyangwa umunyeshuri ubishoboye asome umugani abandi bateze amatwi, bakurikira mu bitabo byabo.

## 6.3. Gusobanura umwandiko

### 6.3.1. Inyunguramagambo

Gusama (inda):
— *gutwara inda; gutangira gutwita.*
— *gusama banabikoresha iyo bavuga gufata ikintu bakunagiye.*

Umupfumu:
*umuntu uragurira abandi, ubabwira ibizaza, ibizaba ...*
*Hari abapfumu baragura umutwe: baragurira umuntu nta kintu bakoresheje, uretse ibyo bumva mu mutwe wabo.*
*Hari abandi baragura bafite ibyo bakoresha.*
*Ibyo na byo biri kwinshi:*
— *kuragura inzuzi (ku mbehe ...)*
— *kuragura urugimbu*
— *kuragura inkoko*
— *kuragura intama*
— *kuragura ikimasa*
*Icyuma bakoresha babaga ayo matungo cyitwa umushyo.*
*Iyo umuntu agiye kuraguza ku mupfumu bavuga ko agiye:*
— *kuraguza*
— *guteza utuyuzi*
— *kwibariza*
— *kwipfira nabi*
— *kwibandabandirwa.*



Mu kirambi:
*mu nzu imbere, hafi y'iziko, aho abantu bicara bakaganirira. Mu nzu za kijyambere uruganiriro ruba hafi y'umuryango binjiriramo, naho mu nzu za gakondo uruganiriro rukaba mu kirambi, hafi y'amashyiga n'uburiri.*
Intango:
*icyo bagitangira kuboha (icyibo, umutemeri)*
U Buha:
*akarere ka Tanzaniya y'amajyepfo.*
Amayombo:
*inzogera bambika imbwa igihe cy'umuhigo (soma nka «umuhinzi»).*
Amasunzu:
*uburyo kera Abanyarwanda biyogosheshaga (gutega amasunzu) bakanasokoza.*

*Amasunzu ni ay'abakobwa n'abagabo bakuze: si ay'abagore n'abahungu; naho ibisage byari iby'abana gusa.*
*(Mwarimu yereke abanyeshuri amafoto y'abantu bateze amasunzu, cyangwa abashushanyirize uyateze, anabasobanurire ibisage icyo ari cyo)*
Barikubura barataha:
*bava aho bajya iwabo.*
Intero ari ya yindi:
*bavuga kwa kundi.*
Urutoke rw'urutunda:
*rugororotse, runoze, rwiza cyane; urutunda ni igiti cy'ishyamba kigira inkoni inoze, ushobora guheta uko ushaka ntivunike.*

### 6.3.2. Ingingo z'umwandiko

1. Uyu mugore yakoze iki kugira ngo adakuramo inda?
2. Umupfumu yamutegetse iki?
3. Umwana amaze kuvuka bamufashe bate?
4. Imuhira iwabo haje bande?
   Bateye bate?
5. Abo bahungu bari bazanywe n'iki?
6. Kuki wa mukobwa yatangiye kurigita?
7. Abamutabaye hari icyo bashoboye?
8. Uruyuzi rwameze he kandi rwezeho iki?
9. Kuki icyo gisabo ari ikidasanzwe?

10. Umwami yategetse ko bigenda bite?
11. Umusore umwe yiyemeje gukora iki?
12. Umukobwa mushiki w'umwami aritotombera iki?
13. Kuki cya gisabo cyananiranaga guterurwa?
14. Umwami na mushiki we bagiye iyihe nama?
15. Amaherezo byagenze bite?
16. Vuga ibintu bine bigutangaza muri uyu mwandiko. (kutiyuhagiza amazi, kurigita, kuba mu gisabo, gukora neza imirimo yose).
17. Tanga ingingo zerekana ko uyu mwandiko ari umugani.

## 6.4. Imyitozo ngaragazabumenyi

### 6.4.1. Guhina umwandiko

Abanyeshuri bifashishe ingingo zigize uyu mwandiko maze bawuhine mu mvugo.
Umunyeshuri umwe umwe ajye imbere y'abandi ababwire ibikubiye muri uyu mugani.

### 6.4.2. Kuvugira mu ruhame

Abanyeshuri bacire bagenzi babo indi migani miremire bazi.

## 6.5. Ikibonezamvugo

### 6.5.1. Ikinyazina mpamagazi

Twitegereze izi nteruro:

1. Mwa bahigi mwe nimufate izo mbwa amayombo!
2. Wa mukobwa we ngwino tubohe!
3. Mwa bahungu mwe mwikubagana!
4. Wa gisabo we witunanira!
5. Mwa biraro by'inyana mwe ko mushaje!

Interuro ya 1, iya 3 n'iya 5 zirimo amagambo «mwa» yakoreshejwe kugira ngo bahamagare abahigi, abahungu, ibiraro by'inyana.
Mu nteruro ya 2 n'iya 4 harimo amagambo «wa» yakoreshejwe mu guhamagara umukobwa, igisabo.
Ariya magambo «wa (2, 4), mwa (1, 3, 5)» akoreshwa iyo bahamagara: yitwa ibinyazina mpamagazi.
Ikinyazina mpamagazi kibaho muri ngenga ya 2.



ng. 2 bu    waa
ng. 2 bw    mwaa
Izina bijyana rikurikirwa n'ikinyazina ngenga
**Urugero:** Wa mwana **we**
Mwa nyoni **mwe**
Wa ... ikoreshwa mu bumwe, ku muntu n'ikintu.
Mwa ... ikoreshwa mu bwinshi, ku bantu n'ibintu.

### 6.5.2. Imyitozo nsuzumabumenyi

**6.5.2.1. Erekana ikinyazina mpamagazi unavuge niba kiri mu bumwe cyangwa mu bwinshi.**

1. Mwa banyeshuri mwe nimufate ibitabo!
2. Wa mugenzi we hagarara uruhuke!
3. Wa dirishya we funguka!
4. Mwa bakozi mwe nimushyireho umwete!
5. Wa hene we wikona uwo murima!
6. Mwa biti mwe ntimugwe mu muhanda!

6.5.2.2. Abanyeshuri bashake izindi nteruro zirimo ibinyazina mpamagazi.

6.5.2.3. Abanyeshuri bashake mu myandiko yizwe ibindi binyazina bize mu mwaka wa gatanu.

# 7. KURWANYA ISURI

7.1. **Intego**

7.2. **Ivumburamatsiko**

Mw. Umwaka wa 1985 Umukuru w'Igihugu yawise uwuhe?
Sh. Umukuru w'Igihugu yawise umwaka wo kongera umusaruro dufumbira imirima yacu.
Mw. Ese birahagije gufumbira imirima yacu byonyine ngo tube dufashe neza ubutaka?
Sh. Oya, tugomba no kurwanya isuri.
Mw. Isuri iterwa n'iki?
Sh. Isuri iterwa n'imvura itwara ubutaka cyangwa imisozi, ikanaterwa na serwakira ikukumba ibishingwe.
Mw. Twarwanya dute isuri?
Sh. Twacukura imiringoti, tugatera ibyatsi, tugatera amashyamba ahadashobora guhingwa indi myaka.

7.3. **Gusoma**

7.3.1. **Bucece**

7.3.2. **Baranguruye ijwi, nyuma y'inyunguramagambo.**

7.4. **Gusobanura umwandiko**

7.4.1. **Inyunguramagambo**

Imikuku:
*imikoki mito, migufi.*
Inkangu:
*aho amazi atwara imisozi, ikariduka, hagasigara agasi, niho hitwa inkangu.*
Ahacuramye:
*imanga.*
Ahategamye:
*hashashe, mu kibaya, mu mubande.*
Bushashe:
*butegamye, burambuye ...*
Urwuri:
*aho baragira amatungo, cyane cyane amaremare.*



7.4.2. **Ingingo z'umwandiko**

1. Ni bande bavugwa muri uyu mwandiko?
2. Vuga ubwoko bw'isuri iterwa n'amazi.
3. Vuga ibibazo mwarimu yabajije abanyeshuri be.
4. Ni ibiki wakora ngo urwanye isuri iterwa n'amazi?
5. Ni ibihe byatsi batera ku myobo yo kurwanya isuri? Iyo myobo yitwa ngo iki?

7.5. **Imyitozo ngaragazabumenyi**

7.5.1. **Guhimba interuro**

Abanyeshuri bakoreshe aya magambo mu nteruro ziboneye: inkangu, ahategamye, imikuku.

7.5.2. **Kuzuza interuro**

— Ubwo imvura ihinduye, nimucukure ... mu mirima yanyu, muyitereho ... ejo ... itazayitwara. (imiringoti, ibyatsi, isuri).
— Isuri mbi cyane ni itera ... ku misozi, ... bwose bugatwarwa n'amazi yinjiye mu musozi. (inkangu, ubutaka ).

7.5.3. **Guhina umwandiko**

Abanyeshuri bahine umwandiko mu mirongo munani.

**Urugero:** Amazi atembana imbaraga ahantu hahanamye atera isuri ica imikuku cyangwa igatera inkangu.

- Kurwanya isuri si ikindi, ni ugucukura imiringoti, ukayiteraho ibyatsi bituma amazi adatembana ubutaka, ukanafumbira.
- Ahahanamye cyane hadahingwa bahatera ishyamba, naho ahadahanamye cyane hagaharirwa urwuri cyangwa hagaterwa ibihingwa bitwikira ubutaka.

7.6. **Iyandikisha**

Umwandiko uhinnye neza ube icyandikwa.

# 8. NGOMA YA SACYEGA

8.1. **Intego**

8.2. **Gusoma**

Abanyeshuri basome bucece bandika amagambo batumva.
Hanyuma basome baranguruye.

8.3. **Gusobanukirwa n'umwandiko**

8.3.1. **Inyunguramagambo**

Umuhannyi:
*umuntu uzi gusobanura icyo ibyabaye bishaka kuvuga akanashaka uko yabikiranura akabihana.*

Gutonesha:
*gukunda umuntu cyane, gukundwakaza.*

Gukenura:
*gufata amatungo neza, ukayagaburira, ukayahura, ukanayavuza.*
*Bishobora no kuvuga gufata ikintu cyose neza.*

Ibumbabumba:
*ikintu cyiburungushuye; mu bufindo bacyita umutsima.*

Kunyaga:
*kwambura inka cyangwa ubundi butunzi bwose uwo wabuhaye.*

Gusohoza ubutumwa:
*kugeza ku wundi ibyo bamugutumyeho.*

Gukora impamba:
— *gupfunyika ibigutunga uvuye cyangwa ugiye kure.*
— *Gutegura no kwitwaza ibizagutunga mu rugendo*
— *kujya ahantu umaze gufungura (soma nka «kuzinduka»)*

Gucyura:
*kugarura inka cyangwa andi matungo mu rugo avuye kurisha.*

Gucyura (umugore, umugabo):
*kumuzana aho uri mukabana nk'abashakanye: kuvana umugore aho yahukaniye.*



Gucyura umunyafu:
*kuzanira so inka ugabanye bwa mbere kwa shobuja.*

Gucyura (kw'ikibyimba):
*kumeneka.*

Gucyura:
*gutegeka uragiye itungo kurigarura mu rugo.*

Amarengero:
*amaherezo, aho ikintu kinyuze, kigiye.*

Kwiteranya na Sakabaka:
*kugirira nabi utariho, guhemukira ubusa.*

Kumera kw'amasaka:
— *kuzana imiko, iyo amasaka yinuwe.*
— *kuva mu gitaka aho yatewe agahinguka imusozi.*

Gucyaha:
*Guhana, kubuza umuntu ikintu umwuka inabi.*

Gukoma yombi:
— *gukoma mu mashyi;*
— *kuramutsa umwami cyangwa undi munyacyubahiro ukoma mu mashyi.*

Ruhuga:
*inkota y'ibwami*

Kujishura umuheto:
*kuwumanura aho wari uri.*
*Ibindi bavuga ko bijishurwa aho kuvuga ko bimanurwa ni ingoma, igisabo, ingabo n'inyegamo.*

Ingoyi:
*umugozi bazirikisha umuntu bamuhannye.*
*Uwo muntu bavuga ko bamutaye cyangwa bamushyize ku ngoyi.*
*Injishi z'ikirago na zo bazita ingoyi (z'ikirago).*

Kuboha:
*kuzirikisha umuntu umugozi ukomeye bita ingoyi. Akenshi bakoresha injishi y'umuheto.*

Kubohora:
*kureka kuboha: gukura ku ngoyi.*

Gusereka:
*guhungira; gusiga irangi.*

Incabiti:
*intorezo (ishoka, indyabiti, imarabiti, imarabwira ...)*

*Kwererwaho n'umusatsi:*
*kugira umusatsi mwinshi kandi mubi utajya wiyogoshesha cyangwa usokoza.*

Ishyo:
*inka nyinshi, nka 30 zirimo imfizi.*

Kwikubura:
*kuva ahantu ukagenda.*

Mbare na mbariro:
*igihe kirekire, igihe wahereye cyose.*

Ikinege:
*umwana umwe mu muryango; umwana umwe w'igitsina gabo cyangwa gore wenyine mu bandi bana basigaye.*

Kurengera:
*gutabara undi yari ageze mu byago ukabimuvanamo.*

### 8.3.2. Ingingo z'umwandiko

1. Sacyega akora mwuga ki?
2. Umwami yatumye iki kuri Sacyega?
3. Mbere yo kwitaba, Sacyega yakoze iki?
4. Ni nde wagobotse Sacyega ibwami bagiye kumwica?
5. Umwami yagororeye iki Ngoma?
6. Ngoma yakomeje ubuhannyi umwami yamuhaye? Byerekane.
7. Sacyega ntiyumvikana n'umuhungu we Ngoma. Byahereje he?

## 8.4. Imyitozo

### 8.4.1. Kuzuza interuro

Abanyeshuri buzuze interuro bakoresheje amagambo yo mu mwandiko

— Abagaragu b'umwami bagiye gusohoza ... kwa Sacyega (ubutumwa).
— Sacyega, mu gitondo, abaga ikimasa ngo ... impamba (akore).
— Sacyega ageze ibwami ... yombi (akoma).
— Umwami abonye Ngoma aratangara ati «uyu ni umwana wa Sacyega ... n'umusatsi (wahirimbiriweho).
— Umwami agororera Ngoma ... ry'inka, amugira n'... mu kigwi cya se (ishyo, umuhannyi).

### 8.4.2. Gusubirisha imbusane

Abanyeshuri basubize ibibazo bakoresheje imbusane z'ibivugwamo.



— Nyina wa Ngoma yari inkundwakazi ya Sacyega? (intabwa).
— Sacyega yatumiye abakazana be ngo basangire ikimasa (ntiyatumiye)?
— Sacyega yari umutunzi ateretse amashyo?
— Ngoma ntiyaruhiye ubusa: umwami yategetse ko baboha se Sacyega? (babohora).

### 8.4.3. Guhina umwandiko

**Urugero:** Sacyega yari umuhannyi w'ibwami.
Bukeye umwami amutumaho mu marenga ibintu azamushakira, maze Sacyega ayoberwa ibyo ari byo n'aho azabikura.
N'uko asezera ku bana n'abakwe be ajya kwirega ibwami.

Ngoma, umuhungu we wavutse ku mugore w'intabwa, yenda amasaka yari yameze uwo munsi, yenda isuka n'ishoka, imiheha n'uruho, maze arahambira akurikira se ibwami.

Sacyega bamaze kumuboha, Ngoma akoma yombi, asabira se imbabazi, ahereza umwami ibyo yari yaratumyeho Sacyega.

Umwami ashimira Ngoma, aramugororera, amuha ishyo ry'inka n'abagaragu, anamugira umuhannyi w'ibwami mu kigwi cya se.

Ngoma akiza se n'umuryango we wose atyo.

# 9. IMVURA N'UMUCYO

## 9.1. Ikigamijwe

## 9.2. Gusoma

Abanyeshuri basome umwandiko bucece banandike amagambo batumva, nyuma bayasobanuze. Hanyuma Mwarimu abasomere umwandiko bateze amatwi, noneho hakurikireho gusobanura ya magambo batumvise.

## 9.3. Gusobanura umwandiko

### 9.3.1. Inyunguramagambo

Umuduhagizo (imvura y'): igwa buri gihe idatanga imicyo.
Ibintu ni magirirane: ikintu kimwe ukwacyo ntikigira akamaro, kikagira gifatanyije n'ibindi.

**Urugero:** Abantu ni magirirane.

(Abanyeshuri ne bo bashake izindi ngero zumvisha uwo mugani).

Amapfa:
*kubura kw'ibiribwa cyangwa kurumba kw'imyaka bitewe n'izuba ricana imyaka ikuma.*

Imvura y'umudubi cyangwa y'urudubi:
*Imvura ya buri gihe, idatanga imicyo.*

Urushyana:
*igihe cy'imvura nyinshi cyane, hakaba icyondo cyinshi. Aho ni mu kwezi kwa kane.*

Utwana dukomanya amenyo:
*dutitira kubera ubukonje.*

Igisogororo:
*icyondo kivanze n'amaganga y'aho inka zirara.*

Inzarwe:
*icyondo gifite ibara ry'umukara; akenshi ugisanga ku mabuga no mu gishanga.*

Guta akabi:
*gukira igihe cy'imvura, cy'urwondo n'ubukonje, hakabonek imicyo.*



### 9.3.2. Ingingo z'umwandiko

1. Ni iki kivugwa muri uyu mwandiko?
2. Ni iyihe mvura abantu batishimira?
   Kubera iki?
3. Izuba ryonyine ritera iki?
4. Abantu bamererwa bate mu rushyana?
5. Udusimba tumererwa dute iyo haramutse umucyo?
6. Imyaka ikeneye iki ngo yere neza?

## 9.4. Imyitozo

### 9.4.1. Abanyeshuri bahimbe interuro nziza, ziciriritse, zumvikana, bakoresheje aya magambo: inzara, urushyana, inzarwe, gutabama, amapfa.

### 9.4.2. Guhimba umwandiko

Abanyeshuri bahimbe indi myandiko ibangikanya ibintu bibiri.

**Urugero:** ijoro n'amanywa; urumuri n'umwijima; ubushyuhe n'ubukonje; umwijuto n'inzara; impeshyi n'itumba ...

Mwarimu n'abanyeshuri bashakemo itatu ihimbitse kurusha indi maze abayihimbye bajye imbere bayisomere bagenzi babo.

### 9.4.3. Iyandikisha

Mwarimu atange icyandikwa ahereye ku ntangiro ageze kuri «amapfa.»

Abanyeshuri bishyiriremo utwatuzo. Ikosora ribere ku kibaho.

## 9.5. Ikibonezamvugo: Ikinyazina mbanziriza

Twitegereze izi nteruro:

1. Uwo icyansi giciye hejuru akaba yiyesheje hasi.
2. Abo imvura iri ku mugongo barushywa no gukama inka.
3. Imyambaro ita akabi ni iyo banitse akazuba kanyenyerekeje.
4. Aho banika haba humutse.

Amagambo 1. uwo (+ isaku njyejuru kuko ijwi rizamuka nk
mu ijambo isi ) nt. 1
2. abo (+ isaku *njyejuru*) nt. 2
3. iyo (+ isaku *njyejuru*) nt. 4
4. aho (+ isaku *njyejuru*) nt. 16

arabanziriza inshinga : giciye hejuru (1)
iri ku mugongo (2)
banitse (3)
banika (4)

kandi azibereye icyuzuzo.
Yitwa **ibinyazina mbanziriza.**

Iki kinyazina wagira ngo gisa n'ikinyazina nyereka arik ntibihuje amasaku kuko ikinyazina nyereka kigira isaku nyes ikinyazina mbanziriza kikagira isaku *njyejuru* (/\) ndets n'indomo.
Gikurikirwa n'inshinga iri mu nsano, kikayibera « mbanziriza ».
Ntikijya kijyana n'izina.

**Ingero : uwô ndeba ( nt. 1, 3 )**
**abô ndera ( nt. 2 )**

**Imbonerahamwe yacyo**

| | |
|---|---|
| nt. 1 uwô | nt. 9 iyô |
| nt. 2 abô | nt. 10 izô |
| nt. 3 uwô | nt. 11 urw |
| nt. 4 iyô | nt. 12 akô |
| nt. 5 iryô | nt. 13 utw |
| nt. 6 ayô | nt. 14 ubw |
| nt. 7 icyô | nt. 15 ukô |
| nt. 8 ibyô | nt. 16 ahô |

9.5.1. **Imyitozo**

Erekana ikinyazina mbanziriza muri izi nteruro.

1. Uwo washakaga araje.
2. Muri aya mashati iyo uhisemo ni iyihe ?
3. Mu bantu bahise hano mbonyemo abo wifuzaga.
4. Imirima myiza ni iyo bafumbira.
5. Inkwavu zo korora zaturutse aho wazitumije.

Abanyeshuri bashake izindi nteruro zirimo ibinyazi mbanziriza.



# 10. ISUKARI

10.1. **Ikigamijwe** : kuvuga akamaro k'isukari n'uburyo ikorwa.

10.2. **Ivumburamatsiko**

Mw. : Ni ibihe biribwa abana bakunda cyane ?
Sh. : Inyama, umuceri, imineke ...
Mw. : Mu muneke habamo iki ?
Sh. : Isukari.
Mw. : Imineke ni yo yonyine igira isukari ?
Sh. : Oya, iba no mu bisheke.

10.3. **Gusoma**

Mwarimu ababwira gusoma umwandiko bucece, ari na ko bandika amagambo badafutukiweho.

10.4. **Ingingo z'umwandiko**

1. Isukari ikorwa mu biki ?
2. Isukari yo mu Rwanda iva mu biki ?
3. Mbere na mbere ibisheke binyuzwa mu ki ?
4. Kugira ngo umutobe uve mu mashini neza babigenza bate ?
5. Umutobe bawuvanga n'ibiki ? Kubera iki ?
6. Umutobe bawucanira ryari ?
7. Bawohereza hehe ? Ukamara igihe kingana iki ?
8. Aho umutobe uhava umeze ute ?
9. Umutobe unyura handi he ?
10. Isukari bayanika ibanje kunyura he ?
11. Vuga akamaro k'isukari ?
12. Ibikatsi by'ibisheke bashobora kubikoresha iki ?
Mwarimu ashobora kongera kuri ibi bibazo ibindi rusange, akabaza aho uruganda rw'isukari ruherereye, igiciro cy'isukari, uko igera ku baturage, n'ibindi ...

# 11. INKOMOKO Y'URUPFU

## 11.1. Intego

## 11.2. Gusoma

### 11.2.1. Gusoma bucece

Abanyeshuri basoma bucece, badahwihwisa cyangwa ngo bakubite iminwa.
Igihe basoma banandika amagambo batumva ku mbaho zabo.

### 11.2.2. Gusoma by'urugero

Mwarimu asomera abanyeshuri umwandiko nk'uca umugani ariko bo babumbye ibitabo.

## 11.3. Gusobanukirwa n'umwandiko

### 11.3.1. Inyunguramagambo

Guhabwa umunani:
*guhabwa umugabane mu mutungo w'ababyeyi bawe.*
Gutanga umunani:
*gutanga ingurane, indishyi y'ibyo wangije.*
Gutanga umunani:
*guha abana bawe umugabane*

Uruhehe (soma nka umuganda):
*ubwayi bw'igiti cyitwa igihehe butokoza ijisho rikaba ryakurizamo gupfa.*

Gukuka (soma nka kubyara):
*inka iyo zivuye kunywa amazi ku iriba bavuga ko zikutse. Bavuga kandi ko kanaka yakutse iyo yamaze inka atakijya ku ibuga.*
Gukuka (soma nka kubiba):
*gukura amase aho inka zayataye.*
Kubandabanda:
*gusa n'ugiye kwicara, n'ugiye gukora hasi, kwarara.*



Kubandagara:
*kugwa ariko ugahita ubaduka, ukabyuka.*
Umubyuko:
*ahantu hijimye kubera imyaka myinshi ihari (nk'amasaka, ibigori ... ).*
Gukubwa:
*kuba uri mu byago, hafi y'abagome, y'ababisha.*
Gukubwa:
*Gushaka cyane kujya kwituma, kujya ku nama.*
Ihururu (soma nka igitaka):
*umwenda ushaje cyane, inkanda ishaje yacikaguritse.*
Ihururu (soma nk'umusururu):
*abantu benshi batabaye, ikivunge cy'abantu bahuruye, bateye.*
Kuyobya umuvu:
*Kwihisha, kuyobya uburari.*
Kugaza umuvu:
*kuyobya amazi y'imvura akanyura ahandi, kubuza isuri, amazi ntatembe umujyo umwe.*
Igikondorero:
*ikinyita cy'umukenyero kirenga inyuma y'umweko kikanagana.*
Guteba:
*kunanirwa, kutagera ku cyo wiyemeje.*
Gusakara (soma nko gutangara):
*gukwira hose. Inkuru yamenyekanye hose, yasakaye hose.*
Gusakara (soma nko gutabara):
*gushyira ubwatsi cyangwa amabati, amategura hejuru y'inzu, gutwikira.*
Gusakara (soma nko gusigara):
*gukura vuba ukaba munini, muremure cyane, kuba igisakara (uriya mugabo ni igisakara).*

### 11.3.2. Gusoma baranguruye

Abanyeshuri basome baranguruye umwe umwe.

### 11.3.3. Ibibazo ku mwandiko

1. Abana ba Rurema bavugwa mu mwandiko ni bande?
2. Bamaze gukura Rerema yabahaye iyihe migabane?
3. Ese iminani babonye bose barayishimiye?
4. Kuki urupfu rwahoraga rutera amahane na bene se?

5. Ni nde wagobotse urupfu, ubwo bene se bari bamaze kuruhihibikanya?
6. Kuki Imana yanze ko bica umukecuru wari wahishe urupfu?
7. Ukurikije icyo urupfu rwituye umukecuru waruhishe, shaka nibura imigani itatu ibisobanura.
8. Vuga amagambo ari mu mwandiko agaragaza ko impuhwe yagiriye urupfu zarumukururiye.
9. Iyo usomye uyu mwandiko, usanga ari igitekerezo cyangwa ari umugani?
Byerekanishe amagambo yo mu mwandiko.

## 11.4. Imyitozo

### 11.4.1. Guhimba interuro

— Abanyeshuri bakoreshe mu nteruro ziboneye aya magambo yasobanuwe:
  - — guhabwa umunani
  - — ihururu
  - — igikondorero
  - — kuyobya umuvu.

— Abanyeshuri basimbuze amagambo aciyeho akarongo andi ari mu mwandiko.
  - — Ziriya nka ko zabyagiye, zivuye kunywa amazi?
  - — Abana b'ingegera bakunda kwihisha mu masaka menshi kandi maremare barya ibyo bibye.
  - — Kanani yasimbutse urukiramende, arananirwa ntiyaruzimiza.
  - — Inkuru yakwiriye hose ko Bucyana yatsinze ikizamini.
  - — Impyisi zamutangatanze, nimuze tumuvune vuba zitamurya.

### 11.4.2. Kuzuza interuro

Abanyeshuri buzurisha izi nteruro amagambo akwiye.
- — Igihe cy'itumba, abana bigize rubebe bibera mu ...
- — Isi ... inyiturano, urupfu rwahemukiye uwaruhishe.
- — Uruhehe rwaguye mu ... ry'urupfu rihita ripfa.
- — Umukecuru wahishe urupfu, yatumye ... ku isi yose.
- — Murara yacishije ubwatsi bwo ... inzu ye yavaga.
- — Nimushingure hato iriya mvura ... itaza kutunyagira.



### 11.4.3. Guhimba umwandiko

Mwarimu afasha abanyeshuri gushaka imbata y'umwandiko bagomba guhimba bahereye ku mihimbire y'uwo bamaze gusoma. Bawuhimbe bawandika ku mbaho zabo.
Nyuma y'ikosora, Mwarimu abandikishe uhimbitse neza mu makaye yabo.

# 12. INDEGE IKARURUKA

## 12.1. Intego

## 12.2. Ivumburamatsiko

Mw. : Vuga amazina y'amatungo yo mu rugo muzi.
Sh. : Inka, intama, ihene, inkoko, inkwavu.
Mw. : Muri yo ni ayahe atagenza amaboko?
Sh. : Inkoko.
Mw. : Ese inyoni zigenza amaguru zikihuta nk'inkoko?
Sh. : Oya, ahubwo iyo zishaka kwihuta ziraguruka.
Mw. : Hari ikindi muzi kiguruka uretse inyoni?
Sh. : Indege.
Mw. : Hari amoko y'indege muzi?
Sh. : Indege nini, kajugujugu ...

## 12.3. Gusoma (reba 9.2.)

## 12.4. Gusobanukirwa n'umwandiko

### 12.4.1. Inyunguramagambo

Umk. 1. Ikaruruka:
*yiruka cyane, ivuduka.*
Ntibakome imbere:
*ntibatangire, ntibayigarure.*
Umk. 3. Bakwabazaho amaso:
*badatinzaho amaso, barabukwa.*
Umk. 5. Yahebuje ibiguruka:
*irusha ibiguruka kwihuta, kunyaruka.*
Umk. 6. Yatangaje imitwe:
*yayobeye abantu benshi b'uturere twose.*
Umk. 8. Indege y'igitugu:
*indege y'imbaraga, y'igihangange.*
Umk. 9. Ya rutwaza ikirere:
*ya rudakangwa ikirere ikacyogoga.*
Umk. 10. Indege y'igikaka:
*indege y'icyatwa, y'icyamamare.*



Umk. 13. Impambara:
*imbaraga n'ukwihuta, n'ibakwe.*
Umk. 14. Ntiziyanguhe inyuma:
*ntiziyikurikire.*
Umk. 16. Icyangwe:
*icyangiro, ubunebwe.*
Umk. 17. Gushagasha:
*kugawa, kuba ikigwari.*
Umk. 19. Ni yo yabimbuye kugera ino:
*ni yo yabanje kugera ino.*
Umk. 23. Gucura impama:
*kwiruka cyane, kwihuta.*
Kuvuna impuruza:
*gutabara.*
Impuruza:
*ingoma itabaza*
Umk. 24. Indongozi:
*iya mbere, indatwa.*

### 12.4.2. Ibibazo ku mwandiko

1. Muri uyu muvugo ni iyihe mikarago yerekana ko:
   — indege yihuta cyane? (Imikarago 1, 3, 4, 14, 18, 20.)
   — indege iguruka? (Imikarago 5, 9, 12, 13, 14, 22.)
2. Hari icyo uzi kindi wagereranya n'indege?
3. Vuga akamaro k'indege bavuga muri uyu mwandiko.
4. Ese uretse akamaro kavugwa muri iyi mikarago, hari ikindi uzi indege irutira ibindi?
5. N'inyoni ziraguruka. Sobanura ukoresheje amagambo ari mu mwandiko niba zinganya n'indege kwiruka.
6. Ijambo «indege» rikomoka mu ruhe rurimi? Risobanura iki?

## 12.5. Imyitozo

### 12.5.1. Guhimba interuro

Abanyeshuri bakoresha mu nteruro amwe mu magambo yasobanuwe:
imitwe, indege y'igitugu, indege y'igikaka, impambara, indongozi.

Abanyeshuri bakosora interuro zifutamye niba hari iziri muri izi:

Umwana udakomwa imbere, mu ishuri aba umuhanga.
Umwana udakomwa imbere aba ari ikigoryi.
Iyo umubyeyi yaruhutse bamuha impundu.
Iyo umuntu arabutswe inzoka ayiha impundu.
Iyo umujura atorotse bamuha impundu.

12.5.2. **Gufata mu mutwe**

Gusoma no gusobanukirwa n'umuvugo bimaze kurangira, abanyeshuri basoma umuvugo bakuranwa ku buryo bawufata mu mutwe. Nyuma bagasimburana kuwuvuga mu mutwe imbere y'abandi.



# 13. AMAGARA YACU

13.1. **Intego**

13.2. **Gusoma ( Reba 9.2 )**

13.3. **Gusobanukirwa n'umwandiko**

13.3.1. **Inyunguramagambo**

Umk. 2. — Iyo aducitse tubura byose:
*iyo tutayafite nta cyo tuba dusigaranye.*
— Gucika bishobora no gusobanura:
— *guhungira mu kindi gihugu,*
— *gutanyuka by'umwenda ushaje.*

Umk. 3. — Iyo yacubanganyeho gatoya:
*iyo atamerewe neza, iyo arwaye.*
— Gucubangana bisobanura:
*kumenekaho gakeya ( nk'amazi, amata ... )*
*kunyeganyega, kuva mu mwanya wari ukubereye mwiza.*

Umk. 6. — Kiguhuzeho na gatoya:
*kikwibagizeho akanya, kikurangaze akanya.*
— Guhuza (soma nka gutema):
*kubuza kurya ( ufite inda ahurwa ibintu bimwe na bimwe: nk'inyama, umutobe, n'ibindi ).*
— Guhuza (soma nko gutura):
*guteranyiriza hamwe abantu cyangwa ibintu.*
*Kunga cyangwa kubanisha abantu batabanaga.*

Umk. 7. — Ingurane:
*ikintu kijya mu mwanya, mu kigwi cy'ikitabonetse.*

Umk. 12. — Ibiribwa bifite byinshi:
*ibiribwa birimo ibitunga umubiri binyuranye.*

Umk. 21. — Bitubya amagara yacu:
*bigabanya amagara yacu, biyangiza.*

Umk. 23. — Indwara z'umutwe:
*si indwara zo ku ruhu nk'ibihushi, ibisebe ahubwo n'izo mu mutwe mu bwonko nk'ibisazi, igicuri ...*

#### 13.3.2. Ibibazo ku mwandiko

1) Ni ubuhe bukungu buturutira ubundi mu buzima bwacu?
2) Tugomba guhora twitaye ku magara yacu.
   Vuga umugani uri mu mwandiko ubisobanura.
3) Vuga ibintu bitatu by'ingenzi mu bitunga amagara yacu.
4) Kurya birenze urugero bitwangiriza umubiri bite?
5) Ni ibihe biryo tugomba gutungisha umubiri wacu?
6) Kuki ikiruhuko ari ngombwa ku mubiri wacu?
7) Inzoga zangiza amagara ni izihe?
8) Vuga indwara zikomoka ku businzi?
9) Ni nama ki wagira bagenzi bawe ngo bitunge neza?

### 13.4. Imyitozo

#### 13.4.1. Kuzuza interuro

Abanyeshuri buzurishe izi nteruro amagambo ari mu mwandiko.

— Kenshi indyo mbi ... ibindi biryo.
— Ko ayo mazi atacyuzuye, aho ... igihe wayaterekaga.
— Ishati yawe ... ku rutugu, uyishyire umudozi.
— Bagenzi bawe baratonganye, bararakaranya, uzaze ... biyunge.
— Abanyeshuri ... gatatu mu mwaka w'amashuri.

#### 13.4.2. Isubiramwandiko

Abanyeshuri bahereye ku bisubizo byatanzwe ku mwandiko, bazandika umwandiko ukubiyemo ibitekerezo byose by'uwo bamaze gusoma, ariko noneho bakoresheje amagambo bishakiye.

Mwarimu abafasha gushaka kuri buri kibazo no kuri buri mukarago igisubizo kiboneye kandi kivugitse neza.
Nko kuva ku mukarago
wa 1 kugera ku wa 10 bazagaragaza ko amagara abarutira byose
wa 11 kugera ku wa 15, bagaragaze ko bagomba guhitamo ibitunga umubiri no kubirya mu rugero.
wa 16 kugera ku wa 19, bazagaragaza ko umubiri ukeneye ikiruhuko.
wa 20 kugera ku wa 24, bazerekana ukuntu ibinyobwa byotsa byangiza amagara yacu. Naho iya nyuma uko ari itatu, bazagirana inama zo kwitunga neza.



## 14. GIKERI NA NTASHYA

### 14.1. Intego

### 14.2. Gusoma (reba 9. 2.)

### 14.3. Gusobanukirwa n'umwandiko

#### 14.3.1. Inyunguramagambo

Gutumagura agatabi:
*kunywa agatabi urekura umwotsi vuba vuba, gutumura vuba vuba.*
Gutumura akayoga:
*kunywa kugeza ubwo usindiye.*
Gutumura umukungugu:
*kubyutsa ivumbi, umukungugu.*
Kera kabaye:
*hamaze umwanya munini.*
Gupfa umusubizo:
*gupfa mukurikiranye*
Gupfa urubozo:
*kubabara cyane ugatinda gupfa.*
Gupfa urw'agashinyaguro:
*gupfa nabi cyane bagushinyagurira.*
Bahe barakajya:
*abo wari wiringiye nta bo ubonye, nta bahari.*
igicuri (soma nk'umukiro):
*indwara yo mu mutwe ituma ugwa.*
Urupfu rw'ikirago:
*urupfu rwizanye, rudatewe n'indwara y'icyorezo.*
Gusiganwa:
*kurushanwa kwiruka umwe ashaka gusiga undi.*
Gusiga umwana:
*gupfa umwana wawe agasigara imusozi.*
Gusiga undi:
*kurenza intambwe.*
Gusiga:
*kuvugira mu bisigo.*
Gusiga (soma nko gusonza):
*gushyira amavuta ku mubiri, irangi ku nzu.*

Kwereka undi igihandure:
*kumusiga, kumwanikira mwirukanse.*
Igihandure:
*aho bavanye ihwa cyangwa imvunja, aho bahanduye.*
Kwitegura:
*Kwitunganya witeze ikintu.*
gutegura:
*gushyira ibintu mu mwanya ukwiye, kugira isuku.*
gutegura:
*kogosha undi umusatsi ( iyo batsinda )*
gutegura:
*gukura inyamaswa, ikintu cyangwa umuntu mu mutego; ni ikinyuranyo cyo gutega umutego.*
Umunsi ntarengwa:
*umunsi w'amasezerano, umunsi wa koma.*
Kwibira:
*kujya mu mazi ukarengerwa wese, gucubira mu mazi.*
Kwanduruka:
*kugenda wiruka cyane, mu kanya gato ukaba urunduye.*
Kuzimiza:
*kuguruka ukajya mu kirere cya kure, gusimbuka ukarenga ahantu harehare cyane.*
Kugwa agacuho:
*kunanirwa cyane, kuruha cyane ukicara ukaruhuka.*
Gukimirana:
*kunyura mu nzira wari umaze gucamo, gusubira inyuma utageze aho wari ugiye, gusubira aho wari uturutse.*

### 14.3.2. Ibibazo ku mwandiko

1. Ni bande bavugwa muri uyu mwandiko?
2. Ntashya yaneguye iki Gikeri?
3. Ese Gikeri yaba yarihohoye kuri Ntashya? Byerekanishe amagambo ari mu mwandiko.
4. Koko Gikeri na Ntashya barasiganywe? Sobanura uko byagenze.
5. Ni nde wakozwe n'ikimwaro muri bombi?
6. Ni uwuhe mugani Gikeri yaciriye Ntashya amaze kumwereka igihandure?
7. Erekana niba uyu mwandiko ari umugani cyangwa igitekerezo.



## 14.4. Imyitozo

### 14.4.1. Guhimba interuro

Abanyeshuri bahimba interuro bakoreshamo amwe mu magambo yasobanuwe. Kera kabaye — gupfa umusubizo — bahe barakajya — urupfu rw'ikirago — kwereka igihandure — kugwa agacuho.

### 14.4.2. Gusimbuza amagambo andi

Abanyeshuri basimbuza amagambo yanditse mu nyuguti nini andi bisobanura kimwe.

- Ntashya yasanze Gikeri **yinywera** agatabi. Baraganira, nyuma hashize umwanya, Ntashya ati «iyo ibikeri babajugunye ntimugwa mureba **amajyepfo**».
- Gikeri abwira Ntashya ngo **bazirukanke** bazarebe uzasige undi, umva ko ibikeri bitava aho biri.
- Ku munsi **basezeranyeho,** Gikeri **acubira** mu gishanga naho Ntashya **agenda yiruka**; **araguruka** mu kirere kure.
- Ntashya ashobewe **arahindukira,** Gikeri aramuseka cyane ati «uguhiga **ubugabo** muratabarana».

### 14.4.3. Vuga aho iyi migani ihuriye n'ibivugwa mu mwandiko

— Kuba mu mazi si ko gushira amaga.
— Utazi ubwenge ashima ubwe.
— Nta wugaya akagabo atagakuruye.
— Ababiri bishe umwe.
— Ububanje bupfa ubusa.
— Uguhiga ubutwari muratabarana.

### 14.4.4. Guhina umwandiko

Abanyeshuri bahina umwandiko mu mirongo icumi, Mwarimu abafashe gukosora izo ncamake, uhinnye neza kurusha iyindi, wandikwa mu makaye.

# 15. UMWANA W'INGAYI

15.1. **Intego**

15.2. **Gusoma** ( reba 9.2. )

15.3. **Gusobanukirwa n'umwandiko**

15.3.1. **Inyunguramagambo**

Ingayi:
*udashima ibyo bamuhaye, ibyo bamugaburiye.*

Kugaya:
*kudashima igaburo baguhaye.*

Kugaya:
*gusuzugura undi, kutemera ibyo undi avuze cyangwa akoze.*

Babimuhana inkoni:
*bamuha ibiryo banamukubita.*

Gushyira uturaso ku mubiri:
*kubyibuha , kugira umubiri, amagara.*

Kumwokama:
*kumubamo kamere, kumubamo akarande.*

Komongana:
*gupfa kugenda utagira iyo ujya, kubuyera.*

Gushokonkora:
*kurenza urugero mu burebure, nk'umusatsi wereye ku mutwe, udashokoje, usa n'urimo amashokoro. Inzara z'intoki cyangwa iz'ibirenge zarenze urugero, zabaye ibikohwa, ziba zarashokonkoye.*

Kwarikwamo:
*kubabwamo n'ikintu igihe kirekire, amavunja yamwaritse umubiri wose, amuri hose ku mubiri.*

Kwarika:
*gushyushya amazi yo kuvuga umutsima, kubaka icyari kw'inyoni.*

Ingegera:
*umujura wiba ibyo arya akabijyana mu mibyuko.*

Gukwena:
*guseka umuntu umugaya, umusebya yumva, adasubiza.*

Maguru y'urubabara:
*amaguru maremare anyunyutse kandi ahetamye.*

Kuba rubebe:
*kuba ingegera yamaganwa n'abantu bose.*

Rubanda:
*abantu bose, abaturanyi mudafitanye isano.*



15.3.2. **Ibibazo ku mwandiko**

1. Umwana ugaya abiterwa n'iki?
2. Hari aho bakunda umwana w'ingayi?
3. Kuki akenshi umwana ugaya arya abiriramo?
4. Kuki umwana w'ingayi akunda kugirira abandi ishyari?
5. Uriya mwana w'ingayi, mukase yamugiraga ate iyo yagayaga ibyo amugaburiye?
6. Ese se w'uwo mwana wagayaga yabyifatagamo ate iyo mukase yamukubitaga?
7. Uwo mwana yageze aho arikosora?
8. Vuga igisingizo bagenzi be bamuhamagaragamo bamusanze mu bihuru.

15.4. **Imyitozo**

15.4.1. **Kuzurisha izi nteruro amagambo**

**bungukiye mu mwandiko**

— Umwana ugaya ntashyira ... ku mubiri n'iyo yarya ate!
— Imisatsi iba ... n'inzara ... kuko aba atakigera iwabo yibera mu mibyuko.
— Umwana w'ingayi baramukubita, bakamwirukana, agahinduka .. agasigara atunzwe no kwiba mu mazu ya rubanda.

15.4.2. **Guhina umwandiko**

Abanyeshuri bahereye ku kibazo basubije bahine umwandiko mu magambo make kandi yabo, batagombye kwitabaza ayo mu gitabo. Mwarimu abanze kubafasha kubona ingingo z'ingenzi bari buhereho bahina umwandiko.

— Umwana w'ingayi baramwanga, bakamugaburira bamukubita, ibyo ariye ntibitume ashyira uturaso ku mubiri.

— Habaye umwana wagayaga, bukeye nyina apfuye, mukase aramuhihibikanya maze aromongana.

— Bukeye ahinduka ingegera, akangara, atunzwe no kurya ibya rubanda.

— Bagenzi be bamubona mu bihuru bakamuseka bakamwita «maguru y'urubabara ya rubabura birenge iyo ajya kuba rubebe yangana na rubanda».

# 16. IMANA IRUTA IMANGA

16.1. **Intego**

16.2. **Gusoma ( reba 9.2. )**

16.3. **Gusobanukirwa n'umwandiko**

16.3.1. **Inyunguramagambo**

— Kuva mu mazi abira:
*kuva mu makuba, mu byago wari urimo.*

— Gukura mu mazi abira:
*gutabara umuntu uri mu byago, kumurengera akava mu makuba yari arimo.*

— Kurokora:
*gukiza uwari ugiye gupfa, kumutabara ageze kure.*

— Ahayinga umwaka wa 1 700:
*ahegera umwaka wa 1 700.*

— Urugerero:
*ahantu ingabo zitoreza kurwana, hafi y'inkiko, y'umupaka.*

Gushotora:
*kwendereza, kwiyenza ku muntu nta cyo agutwaye ariko ushaka kumurwanya.*

Kwigerageza:
*kwireba aho ugeze mu mbaraga, mu bushobozi.*

Guhubukira ikindi:
*kugikora utabanje kugitekerezaho bihagije, kugikora utabyiteguye neza hakiri kare.*

Imana yeze:
*indagu yabyemeje. Kera babanzaga kuraguriza ibyo bagiye gukora kugira ngo barebe niba bitazababera bibi. Baraguraga inzuzi, inkoko, inka cyangwa urugimbu. Abapfumu bavuga ko nta cyo bizatwara kibi bakavuga ko ari inzuzi, ari inkoko, ari inka cyangwa se urugimbu byeze: ari byo bitaga « imana yeze ». Iyo byabaga byahakanye, biteze, babyitaga « umucuri ».*



Umugaba:
*umutegeka w'ingabo ku rugamba.*

Gushibura:
*kugenda wihuta ujya kure.*

Kudashoka barwana:
*kudahita barwana.*

Kugenda amayembayembo:
*kugenda buhoro buhoro usa n'udafite iyo ujya.*

Guca ibico:
*gutega undi ariko bene gutega ari benshi kandi batangirije batari hamwe, mu itsinda rimwe.*

Gukubira hagati:
*gusiga undi hagati, gutangatanga hirya no hino umuntu agasigara hagati, kugota undi.*

Gutera undi icyorezo kibi:
*ku rugamba, ingabo zitera izindi icyorezo ari uko zazishemo abantu benshi cyane.*

Gusigara hagati y'urupfu n'umupfumu:
*kubura uko ubigira, kuba mu makuba, nta kundi ushobora kubigenza.*

Kwiminjiramo agafu:
*kwiyongeramo umurego, imbaraga, kwinyara mu isunzu.*

Kwata urukubo:
*guca mu rukubo, guca mu bantu bari bagukubye, bagutangatanze impande zose.*

Gukwira imishwaro:
*guhunga umwe agaca ukwe undi ukwe, kunyanyagira hose bahunga.*

Koma inyuma y'undi:
*kumukurikirana aho agiye hose.*

Kwanikira undi:
*kumusiga mwiruka.*

Arateba ntiyawuzimiza:
*arananirwa ntiyawurenga.*

Ikiguja:
*igisindu kirimbukanye n'ibyatsi ku nkombe y'umukoki.*

Nsoro aba arahashinze:
*Nsoro aba arahageze.*

Imvano:
*inkomoko y'igikorwa cyangwa y'umugani.*

Kwikubura:
*kugenda uva aho wari uri.*

Kujumarirwa :

*gushoberwa, kwifata mapfubyi wihebye.*

Gusonera undi :

*kumugirira impuhwe ukamufasha.*

Gusumbirizwa :

*kugera mu byago, guterwa ukagera aho umubisha agiye kukwica utagishobora kumurwanya.*

16.3.2. **Ibibazo ku mwandiko.**

1. Umugani «Imana iruta imanga» wadutse mu Rwanda ku ngoma y'uwuhe Mwami ?
2. Vuga, muri make, ibyo bendeyeho bajya guca uwo mugani ?
3. Imanga zitera u Bugesera zari zirarutse mu ruhe rugerero ?
4. Kuki Imanzi zahisemo ko umwami wabo Nsoro azibera umugaba ?
5. Ni iki cyatumye Imanga zambura Rujugira umuheto ?
6. Imanga zimaze gukwira imishwaro umugaba wazo yahunganye na nde ?
7. Nsoro yababariye Rujugira ? Bisobanure mu magambo y'umwandiko.
8. Rubanda babonye Rujugira atabarutse babigenje bate ?
9. Vuga imigani imwe ikomoka kuri icyo gitero cyo mu Bugesera ?
10. Ari Rujugira ari na Nsoro ni nde wagiriye undi neza ? Kuki ?

16.4. **Imyitozo**

16.4.1. **Guhimba interuro**

Abanyeshuri bahimbe interuro bakoresheje amwe mu magambo basobanuriwe.

Kuva mu mazi abira — Gushotora — Gushibura — Guca ibico — Gukwira imishwaro — Kwanikira undi — Kwikubura — Gusakara.



16.4.2. **Gusimbuza amagambo andi**

Abanyeshuri basimbuza amagambo yanditse mu nyuguti nini andi bisobanura kimwe.

Rujugira abwira ingabo ze ngo batere u Bugesera maze **bipime ingufu**. Imanga aba ari we zihitamo kuzibera **umuyobozi ku rugamba**. Batangiye imirwano, Imanzi **zirabagota,** maze zibatera icyorezo kibi.
Igihe Imanga **zinyanyagiye zihunga,** Cyilima arabanikira. Rujugira yaguye mu mukoke.
Nsoro abonye ko **yagize ubwoba cyane,** amugirira impuhwe.
Nsoro abwira Imanzi ati «nimuhogi twigendere, abanyarwanda ni **abahanga,** Cyilima yansize. Rujugira yatungutse iwe, asanga rubanda **rwifashe mapfubyi** rugira ngo yapfuye.

16.4.3. **Kuzuza interuro**

Abanyeshuri buzuze interuro zituzuye.
Mu itabaro ryo mu Bugesera, Imanga ... nta mana yeze.
Imanzi za ... zagose ... zizitera icyorezo kibi cyane.
Imanga zisigara ziri hagati y' ... n'umupfumu.
Rujugira yanikiye Nsoro kuko ... cyane ariko ageze ku mukoke ... ntiyawuzimiza.
Rubanda rwabonye ... atungutse, rutera ... ruti ... iruta Imanga.

# 17. IBITI BIRWANYA ISURI

17.1. **Intego**

17.2. **Ivumburamatsiko**

Mw. Ubutaka budufitiye kamaro ki?
Sh. Turabuhinga, bukaduha ibidutunga.
Mw. Iyo ubutaka butacyera tubuhongera iki?
Sh. Iyo bwagundutse tugomba kubufumbira.
Mw. Ni uwuhe mwanzi ukomeye w'ubutaka bwacu?
Sh. Umwanzi w'ubutaka wa mbere ni isuri.
Mw. Isuri iterwa n'iki?
Sh. Akenshi iterwa n'amazi y'imvura abukushumura akabujyana mu mibande no mu migezi.
Mw. Ese twashobora kurwanya isuri?
Sh. Twabishobora nyine!
Mw. Reka rero turebere hamwe uko twarwanya iyo suri n'ibyo twakwitabaza.

17.3. **Gusoma** (Reba 9.2.)

17.4. **Gusobanukirwa n'umwandiko**

17.4.1. **Inyunguramagambo**

Guhunguka:
*gutakaza amababi kw'igiti, guta ururabo.*
Guhunguka (soma nko gutahura):
*guhindura, kugaruka mu gihugu cyawe, wari warahunzemo.*
Kunyura:
*gushimisha, igisubizo kinyuze, gishimishije.*
Kunyura:
*guhita ahantu (Karangwa yanyuze hano agenda.)*
Kunyuza:
*gucisha umuntu ahantu atari azi cyangwa yatinyaga guca wenyine.*

**Urugero:** Herekeza uno mwana umunyuze muri rya shyamba.

Kunyurwa:
*gushimishwa n'ineza umuntu yakugiriye rimwe.*



17.4.2. **Ibibazo ku mwandiko**

Muri uyu mwandiko haravugwamo bande?
Ikiganiro cyabo cyabereye hehe?
Vuga muri make uko dushobora kurwanya isuri.
Gucukura imingoti byaba byonyine bihagije ngo isuri tube tuyirwanyije burundu?
Amashyamba yose arwanya isuri ku buryo bumwe? Sobanura impamvu.

17.5. **Imyitozo**

17.5.1. **Guhimba interuro**

Abanyeshuri bakoreshe mu nteruro bihimbiye amagambo bungukiye mu mwandiko.
— Guhunguka (soma nko gutahura)
— Imborera
— Kunyuza
— Kunyurwa

17.5.2. **Guhina umwandiko**

Abanyeshuri bahine umwandiko mu mirongo cumi, maze bawubyaze inama rusange zo kurwanya isuri.

— Iyo imvura igwa mu ishyamba, amababi y'ibiti agabanya imbaraga zayo, yagera no ku butaka ikahasanga uduhuru, ibyatsi n'amababi yahahungukiye, bityo ubutaka bukaba burinzwe isuri.

— Kugira ngo ariko ayo mashyamba ashobore kurwanya isuri, hagomba gutoranywa ubwoko bw'ibiti byiza bikwiranye n'imiterere y'ubutaka bashaka kubiteramo kandi bikanaterwa mu myanya myiza ituma hagati hazameramo ibyatsi byinshi.

— Ahahanamye cyane cyangwa mu mirima ihingwamo, hacukurwa imingoti miremire bakayiteraho n'ibyatsi bifata ubutaka.

# 18. AGACURAMA

18.1. **Ukugena intego**

18.2. **Ivumburamatsiko**

— kwitegereza igishushanyo cya II maze Sh. bakagenda bavuga uko agasimba kahashushanyije kameze. ( Mw. abayobora ).

— Izina agacurama riri mu yihe nteko ? ( nt. 12 )

— Rikomoka ku yihe nshinga ? ( Gucurama, kwerekeza umutwe hasi amaguru akajya hejuru ).
( Ni uko agacurama kaba kameze igihe kadashobora kujya hanze, ku manywa n'igihe cy'amajoro mabi. )

18.3. **Gusoma bucece**

— Abanyeshuri basoma umwandiko bucece, icyo gihe Mwarimu na we akawusoma bucece kugira ngo aze kumenya igihe barangirije.

18.4. **Inyunguramagambo**

Urwugara :
*agahuhu katagira ubwoya.*

Umuntu w'inyamaswa, umuntu w'igisimba :
*ni umuntu w'umugome cyane, cyangwa ushira ubwoba ku buryo burenze urugero.*

Inyamaswa y'ijanja :
*ni ifite amajanja n'inzara zisongoye ( urugero : injangwe ).*

Amajanja :
*ni ibirenge n'intoki by'inyamaswa y'ijanja ; cyangwa aho yakandagiye.*

Inyamaswa y'umugeri :
*ni inyamaswa ifite ibinono.*
*( Mwarimu atange ingero z'izo nyamaswa ahereye ku zo abanyeshuri bazi zose. )*

Kwiganzura :
*gutsinda uwahoraga agutsinda, kunesha uwahoraga akunesha.*



18.5. **Gusoma baranguruye**

Mwarimu abwira abanyeshuri b'abahanga bazi gusoma neza gutanga urugero rwo gusoma ; umwe agenda asoma igika, undi ikindi. Hagira utegwa Mwarimu akamukosora, umunyeshuri akikosora agakomeza.

18.6. **Gusobanukirwa n'umwandiko**

1. Shaka mu mwandiko interuro yumvisha inkomoko y'izina agacurama.
2. Kuki agacurama kajya guhiga nijoro ?
3. Kuki agacurama kemeza ko ari inyamaswa mu zindi ? ( Gafite ubwoya, gafite amenyo, karonsa. )
4. Kuki agacurama kiha kujya mu nyoni ?
5. Sobanura impamvu ibyo agacurama kakoze bikwiye kukagayisha koko ?

18.7. **Imyitozo**

18.7.1. **Gukora interuro zivugitse ukoresheje aya magambo :**

— ikinono ( interuro ebyiri )
— kwiganzura
— kanaka ni inyamaswa ( interuro ebyiri )

18.7.2. **Guhimba umwandiko**

Mwarimu afasha abanyeshuri gutegura umwandiko « basiganura imiterere y'akanyamaswa » bazi neza.

**Ingero ;** igihore — umutubu — akanyamasyo ...

**Impugukirwa :**
Mw. yabanza agasomera abanyeshuri igice cy'uwo mwandiko gisiganura uko agacurama gateye.

# 19. URUMURI N'UMWIJIMA

**19.1. Ukugena intego**

**19.2. Ivumburamatsiko**

— Vuga ibihe by'umunsi. (Mu byo abanyeshuri bavuze byose Mwarimu ahitemo iby'ingenzi; ibindi bizigwa mu mwaka wa munani.)
— Hari umunsi n'ijoro.
— Hakaba:
mu gitondo, ku gasusuruko, ku manywa, nimugoroba, nijoro.
— Mu gicuku ni igihe ijoro rigeze hagati.

*Icyitonderwa:*
, nihagira umwana ubaza Mwarimu igisobanuro iki n'iki,

**urugero:**
«mu ruturuturu,»
yabimusobanurira atagombye kubitindaho.
— Ni iki gitandukanya ijoro n'amanywa?

**19.3. Inyunguramagambo**

— Hari aho basimbuza ijambo urumuri ijambo umucyo.
— Umucyo ni ikinyuranyo cy'umwijima, ahari umucyo ni ahari urumuri.
— Umucyo kandi ni igihe imvura yagwaga ari nyinshi, hakaza kuboneka akazuba. Baravuga bati «uyu munsi habaye umucyo, cyangwa habonetse umucyo».

Kwibonekeza:
*kwigaragaza cyane ngo ushimwe.*
Umukannyi:
*umunyamyuga utunganya impu.*
Inkanda:
*uruhu rw'inka abanyarwandakazi bo hambere bambaraga.*
Kugira izima:
*kwanga gusuzugurwa.*
Kuva ku izima:
*kwemera gutsindwa impaka.*



Kwendereza umuntu:
*ni ukumushotora.*
Gucemerwa:
*kumirwa, kubura icyo wakora ngo wikure mu isoni.*

**19.4. Gusoma**

Gusoma bucece, urugero rwa Mwarimu, gusoma baranguruye.

**19.5. Ibibazo ku mwandiko**

1. Kuki umwijima uvuga ko ari wo wahaye izuba izina?
2. Umwijima uravuga ko ari iki gituma ibintu byanga izuba?
3. Vuga akamaro izuba rigirira abantu, inyamaswa n'ibimera.
4. Erekana ko umwijima ukabya uvuga ko nta kintu gikunda izuba rvawuhaho urugero.
5. Ni abahe bagabo umwijima wahisemo guha izuba ngo werekane ko ukunzwe?
6. Bariya bagabo b'umwijima baravugisha ukuri? Bari bakwiye se koko gucira urubanza izuba n'umwijima?
7. Sobanura uyu mugenurano: «Amaboko make atera imico myiza».

**19.6. Umwitozo:**

Mwarimu yandikishe igika kimwe cy'umwandiko, abanyeshuri bagende bishyiriraho utwatuzo; hakurikireho ikosora.

## 20. NACUMUYE IKI DATA?

### 20.1. Ukugena intego

### 20.2. Ibisobanuro by'amagambo n'imikarago imwe n'imwe

- Mwarimu abanze asomere abanyeshuri umwandiko wose, na bo bawusoma bucece mu bitabo byabo.

- Abanyeshuri babumbe ibitabo, Mwarimu yongere abasomere agenda ahagarara, asobanura imikarago iruhanije.

Umk. 5. — Bajya ahantu henshi bamvuza, ntuma bajya barara badasinziriye.
Umk. 10. — Ni ukwimira, gutuma ikintu kitagera aho. Aha birasobanura ko barinze ababyeyi babo agahinda.
Umk. 13. — Inzara itaduhumba: inzara itatwica ikatumara.

Umk. 20. — Ahashinga umuganda: arahubaka.
Umk. 23. — Igishashi kabombo: inyana y'ishashi ibyibushye cyane.
Umk. 28. — Umukambwe ati «naze ...»: Umusaza, se w'umuhungu ati «naze ...»
Umk. 30. — Umuranga: ni utuma umuhungu n'umukobwa bamenyana, bashobora kuzabana.
Umk. 40. — Ubukene bukabije buca ibintu; nsigara nkennye birenze urugero.
Umk. 44. — Jye ntanyiteho, akamfata nk'aho nta cyo dupfana.
Umk. 53. — Jye nshonje, nkennye cyane.

### 20.3. Gusoma neza no gusobanukirwa n'isomo

Mwarimu abwira abanyeshuri gusoma uyu mwandiko bucece, bihatira kuvumbura injyana yawo. Basoma baranguruye iyo ibisobanuro bya ngombwa bimaze gutangwa.

### 20.4. Imyitozo

#### 20.4.1. Kurara rubunda, bisobanura kurara udasinziriye.

- Shaka izindi nshoberamahanga bitangira kimwe.



**Ingero:**
— Kurara ubusa: kurara utariye
— Kurara inkera: kurara munywa inzoga bukarinda bucya.
— Kurara ubwubye: kurara ubusa
— Kurara butunda: kurara utiyoroshe.
— Kurara rwantambi: kurara hanze kandi nabi.

#### 20.4.2. Gufata mu mutwe

Abanyeshuri basome kenshi uyu muvugo, bagenda bakuranwa, umwe asoma ibika bibiri, undi akurikiraho, bityo bityo, kugeza ubwo bashobora gusoma bihuta cyane. Mwarimu ababwire kuzaba bawufashe mu mutwe ubutaha, bamwe bafata nk'imikarago 12, abandi ni uko.

# 21. UKWEZI

21.1. **Ukugena intego**

21.2. **Ivumburamatsiko**

1. Kwifashisha indorerwamo ukerekana uburyo igarura urumuri rw'izuba cyangwa rwa buji.
2. Kubaza niba hari abanyeshuri bigeze kubona ubwirakabiri, maze bamwe bakavuga mu magambo make uko babubonye.
3. Gusobanura ubwirakabiri : Isi irizenguruka kandi ikazenguruka izuba. Ukwezi na ko kurizenguruka kandi kukazenguruka isi. Kugira ngo rero ubwirakabiri bube ni uko iyo mibumbe uko ari itatu iba ipimanye neza neza ku murongo ugororotse. Ibyo rero ntibishobora kuba kenshi.
4. Kwitegereza ibishushanyo biri muri uyu mwandiko ; Mwarimu akabwira abanyeshuri gusobanura ibyo babona, bakoresha interuro nziza, ngufi ariko zifutuye bihagije.

21.3. **Gusoma :** kimwe n'iyindi myandiko

21.4. **Ibibazo ku mwandiko**

1. Ukwezi ko ari umubumbabumbe wazimye kutumurikira bigenze bite ?
2. Kubera iki rimwe ukwezi kuboneka ari nk'ikidasesa (**inzora :** soma nka umuntu), ubundi nk'umusate, ubundi ntikuboneke rwose ?
3. Abantu ba mbere bagezeyo ryari ? Bakoze yo iki ?
4. Kuva icyo gihe ni ibihe bibazo abantu bibazaga ku kwezi byabonewe ibisubizo ?
5. Ku kwezi ko nta mwuka uba yo, abagiyeyo bahumekaga iki ? Baryaga iki ?
6. Kuki bemeza ko Abanyamerika ari bo bantu ba mbere bakandagiye ku kwezi ?
7. Ubwirakabiri buba bigenze bite ?

21.5. **Ikibonezamvugo :** ikinyazina ngenera ( cyunga )

Duhere kuri izi ngero

— Umwana **w**'umuhungu **wa** Gasore.
— Imirima **ya** Kagabo iri mu itongo **rya** sekuru.



— Nzamukosha yaguze umwenda **wo** gukenyera.
— Tuzagaruka mu kwezi **kwa** karindwi.

Turiya tujambo tujya hagati y'amagambo abiri tukayafatanya twitwa ibinyazina ngenera ( byunga )

Ikinyazina ngenera ( cyunga ) kigizwe n'indangasano n'akaremajambo gashobora kugira intego eshatu :

— a ( ubusanzwe )
— aa ( cyane cyane kabanziriza ikinyazina ngenga )
— O ( kabanziriza inshinga iri mu mbundo, idafite rero indomo )

**Imbonerahamwe yacyo**

| | inteko | — a | — aa | — o |
|---|---|---|---|---|
| nt. | 1 umuhungu | wa | waa | wo |
| nt. | 2 abahungu | ba | baa | bo |
| nt. | 3 umurima | wa | waa | wo |
| nt. | 5 iryoya | rya | ryaa | ryo |
| nt. | 6 amasaka | ya | yaa | yo |
| nt. | 7 ikibiriti | cyaa | cyaa | cyo |
| nt. | 8 ibitabo | byaa | byaa | byo |
| nt. | 9 inyana ( bu ) | ya | yaa | yo |
| nt. | 10 inka ( bw ) | zaa | zaa | zo |
| nt. | 11 urugo | rwaa | rwaa | rwo |
| nt. | 12 akabati | kaa | kaa | ko |
| nt. | 13 utubati | twaa | twaa | two |
| nt. | 14 ubutumwa | bwaa | bwaa | bwo |
| nt. | 15 ukuguru | kwaa | kwaa | ko |
| nt. | 16 ahantu | haa | haa | ho |

**Ingero :**

nt. 1 umwana **wa** Sekarama
umwana **waa**njye
umwana **wo** kurera

nt. 11 urugo **rwa** Sekarama
urugo **rwaa**we
urugo **rwo** kubaka

**Intego z'umwihariko**

Ikinyazina ngenera ( cyunga ) gishobora gufata indomo, maze kigasimbura izina.

**Ingero:**

nt. 3 umwenda **w** (a) umugore
— umwenda w'umugore
uw (a) umugore
— uw'umugore

nt. 5 ibara ry (a) uuw (a) umugore
— ibara ry'uw'umugore
iry (a) uuw (a) umugore
— iry'uw'umugore

**Inyito rusange**

ikinyazina ngenera (cyunga) muri rusange kigira inyito nyabyo. Gishobora kugaragaza:

a. ubutunzi nyakuri: isambu **ya** data
b. ububyeyi, igisekuru: Rushenyi **rwa** Ntoranyi
c. ishusho, urwego, icyiciro ...

ibara ry (a) umukara
ukwezi **kwa** karindwi
urugi rw (a) icyuma

Iyo gikurikiwe n'ikinyazina nyamubaro mu nteko ya 12 cyangwa n'izina nyamubaro kirema ikinyazina nyamubaro ngerekero. Icyo gihe ariko ikinyazina — mwe gisimburwa n'indangahantu **mbere**, imbusane yayo ikaba **nyuma**.

**Ingero:**

Umunyeshuri wa mbere
wa kabiri
wa cyenda
wa nyuma

Mu nt. 7,8, icyo kinyazina (cyunga) ngenera gikurikiwe n'ikinyazina nyamubaro gihuje n'ibi tumaze kwerekana kirema imigabane, kikaba cyabanzirizwa (si buri gihe) n'izina -ce, ikinyazina kikisanisha na ryo.



**Urugero:** igice cya cumi
icyaa cumi

d) ukugenera, akamaro...

**Ingero:**

nt. 6 amafaranga **yo kuzigama**
nt. 2 abana **bo** gutuma

Ikinyazina (cyunga) ngenera gikoreshwa mu nteko zimwe na zimwe kitisanishije n'irindi jambo rigaragara.

nt. 3 uwaa mbere (umunsi)
uwa gatatu
nt. 7 icyuumweru
nt. 14 ubwa mbere
nt. 15 ukwaa mbere (ukwezi)
nt. 16 aho kumva, urarangaye.

## 22. INZOGA NI MUCYURABUHORO

22.1. **Ukugena intego**

22.1. **Gusoma neza** (kimwe n'indi myandiko)

22.3. **Gusobanura amagambo**

Abasheshe akanguhe: abakuze.
Bagandika aho: bacumbika aho. (bivugwa ku ngabo cyangwa abandi bantu benshi.)
Kugarura ubuyanja: (ubuyanja: soma nka ubuganga) kugarura imbaraga, kuruhuka.
Mwarimu ashushanyiriza abanyeshuri ahantu havugwa muri uyu mwandiko.
Abanyoro ni abakomoka mu Bunyoro.
Bunyoro ni mu burengerazuba bw'amajyaruguru ya Uganda, hafi y'ikiyaga cyitwa Mobutu Sese Seko.
Runda na Gihara (Kabusanza ka ...) ni muri Gitarama, Komine ya Runda hafi y'uruzi rwa Nyabarongo.
Mugina (Nyagisozi cya Ngoma mu Mayaga ya ...) ni muri Komine ya Mugina i Gitarama.
Bwanamukali: akarere ka Butare, uhereye i Save ugana ku Kanyaru, ukagera i Nyaruhengeri n'i Mugombwa.

22.4. **Ibibazo ku mwandiko**

1. Iyo abantu bakuru bavuze ngo «banyoye mucyurabuhoro» baba bashaka kuvuga iki?
2. Mucyurabuhoro yari muntu ki?
3. Byagenze bite Mucyurabuhoro azaniye Sekarongoro n'ingabo ze inzoga?
4. Abanyarwanda bamaze gutsinda Abanyoro Mucyurabuhoro yagororewe ate?
5. Imvugo «inkomamashyi» cyangwa «indara» bisobanura iki? Yakomotse he?
6. Mucyurabuhoro atanga ziriya nzoga yari azi ko Sekarongoro azamugororera biriya byose yamuhaye?
7. Iyo ingabo za Sekarongoro zitabona uzifungurira zari gushobora kunesha Abanyoro?



22.5. **Umwitozo:** Imvugo iboneye

Guhina umwandiko mu mvugo. Abanyeshuri basobanure mu magambo make inkomoko y'imvugo «inzoga ni Mucyurabuhoro». Banabwirane n'izindi mvugo baziye neza inkomoko.